ibwo inteko ishishoze

- ikindi ni uko BAYAKURE ari gushinyiza ko ikiko cyoroheranye mu Bisesero kandi umuntu ashobora kuba afite ikindi akabitwenza kuko nawe agiyemo neza ko yagiye mu Bisesero

- BAYAKURE akuga ko yagiye Bisesero ntasahuye none sinzi icyo igitabo cyatabwimye iwabo igitabo cyacitse kandi atarasahuye

Ndi KAYIGAMBA: Le 25/11/2009

2. URUBANZA RWA SIMUGOMWA Fidèle

Se: SENGENDA Athanase
Nyina: KAMUNAZI
Ages: 1965

Q: uriregera ukemera icyaha?
R/ Ndiregera nkemera icyaha nsaba n'imbabazi
Q: Tubwire icyaha wiregera?
R/ - Ndiregera igitero cyo kwa RURINDA aho yari yihishe
- urupfu rw'abantu 11
- igitero cyo mu Bisesero
Nibyo byaha niregera ndi SIMUGOMWA Fidèle

Q: Niharamuka hatonetse ibindi byaha utiregeye biragenda gute?
R/ Niharamuka icyaha bishya umuntu urabaza abikuze turabibwirana.
Q: USABYIMFURA Vincent: Ngewe nandikse nsaba ko urubanza rusubirwamo ku nyungu z'ubutabera ntabindi mfite byo kuvuga uretse gukurikirana urubanza
NYAKAYIRO: Njyewe ndakuga kuri Kiale niba ibindi birakugwa

ni abandi benshi

IMIKORERE IBJAHA

Njyewe ndatangira gusaba imbabazi z'ibyaha nakoze umuryango nyarwanda kandi nireze muri 2002

1. urupfu rwa RURINDA; Hari hagati ya Saa mbiri na Saa tatu twumva inzogera iravuze ngo duhurure kwa NGERAGEZA na kwa RUSINE batewe niho RURINDA ari maze turahurura turi benshi tujyayo ndi kumwe: - NIYONSABA Bernard wari responsable wari uyoboye igitero
- NZARORA Manasse
- BANKUNDIYE
- petero
- NGEZAHAYO Emmanuel
- NSHIMIYE Alexis
- N'abandi benshi, ...

=> Twagezeyo turagota tuba bari bari kuvuga ngo RURINDA afite intwaro maze asohorwa na BANKUNDIYE na NZARORA natwe turi kumuryango maze asohoka yambaye kamambiri maze ageze hanze arambwira ati fidèle wansabiye imbabazi maze ndamubwira ngo naduhe amafaranga avuga ko ayo yari afite bayamwatse maze aravuga ngo arajya kuduha amafaranga muruyaruhanga maze turamushorera tumaze kumwaka kontake yi imodoka na Conte rose, igikapu, isaha ni inkweto maze naje gusubira kwatka F maze bampa 4700F gusa ndagenda ngarutse nsanga NZARORA ni abandi bamwishe njyewe mfite inkota ariko

Sinagimutuye. Twagiye tuzi ko yapfuye
nyuma nza kumva NGEZAHAYO Emmanuel
avuga ko nyuma kwa RUSINE bamubonye
kumusanga nyuma maze agapfa. Twagiye
gusiga umurambo we mu mukokwe
ntago twamushyinguye ibyo nanjye
ndabyemera nkabisabira imbabazi.

2. Urupfu rw'abantu 11: Twari turi
Kwirondo ariko ntiyawe ntiyagiyeyo
maze NKURANGA atomanga ikanjye
ari kuvuga ngo hari abantu bakuye
kibuye bari kuvuga ngo mu Bisesero ni
hehe ngo kandi ni abatutsi ngo
nirize mbafashe maze ndabyuka
maze tubajyana kwica twarabica
ndetse ni imibiri yabo twarayigaragaje
abo twari kumwe: — KAJE
— RWANTERI yari aha
ari kubasabira imbabazi ngo tubareke we
na NTAKIRUTIMANA na HABIMANA Samuel
— KAJE
— Fidele
— NKURANGA } Twebwe twaranze twarabica
— BAKANGUKE
— Caliste

3. MU BISESERO: ndireba bisesero ndetse
ngosaba ni imbabazi.

Abo twagiyanye ni: — NIYONSABA Bernard
— NKURANGA
— TWAGIRAMUNGU
— MIVUMBI
— KARORI (Gipfupfu)
— SENTOKI
— KAJE
— SEMANJENZI Emile
— Leonidas (BANZUYAMPE)
— UWIHOREYE
— pascal

⇒ Twagiye tugiye kwica no gusahura
tugeze muri NYIRAMAKWARE tuhora

Sanga umwana ni umucyecuru turahica maze RUKARA yari aragiye inka 9 arinuka maze duhita tuzishorera turazigabana. Bamwe narabishyuye abandi bampa imbabazi. Nagiyeyo rimwe sinongera gusubirayo kubera impamvu zikurikira:- Nahise njya mu Ruhengeli kuko
bahise bampamagara
ngo umugore wanjye ni abandi bantu babamereye nabi maze mpita ngenda.
=> Ibindi n'urupfu rw'abantu baguye muri univerisiti mu Ruhengeri kandi nabyo narabikuze.

Q. Gerenade wari ufite ujya kwaka amafaranga ya RURINDA wayibyize he?
R/ Nayisubije responsable wari wayimpaye.
Q: Nta yindi wari ufite?
R/ Keretse imbunda naguze n'umusirikari wari uri gufunga.
Nyuma baje kuvuga ngo abafite ibikoresho bya gisirikari babitange kuko F.P.R yari yarageze ino noje kuyiha Nyarugati ampa F 20.000 dusezerana ko nzayimuzanira maze nyuma yo kuyimuha, ndamubwira ngo mugihe ari umutekano uzayitange nyuma baje kumfunga mbega ko nayihaye Nyarugati maze nawe arabyemera avuga ko harimo

amaraso 28 umwamwigishije akaraso
2 maze Nyarugati aza kuyitanga ko
ye kumfungurira maze ko nakoze ubw
Canjye kugirango nzagere imbere y'ubutab

=> Ibyaha byi'igurwe byo gutwika amaz
ni abantu nareze babinshyizeho
bambeshyera.

Q: Ayo nitwara ntahantu wigeze uyik
resha cyangwa ngo uyigendane?

R/ Ntacyo nayikoresheje naliise nyibit
Q: Nihaboneka umuntu ubigushinja?
R/ Terabiburana kuko yaba ambeshyer

Fidèle: Ndasaba ko ikibazo cya jurwe
cyasobanurwa cy'imitungo
yaho n'abayisahuye

Nibyo ninego nakoze kandi ntrabisabir
imbabazi.

Ndi SIMUGOMWA Fidèle:

NYAKAYIRO Sliverin: - KURI RURINDA:
ntago RURINDA yigeze yicwa 2 ahubwo
barabeshya, nta ugoma yigeze ikuga,
ahubwo umuhungu wa RUSINE yagiye
gushaka abantu bi inshuti zabo muku-
mena amaraso maze RUSINE na NGERA
GEZA batungurwa ni uko umuhungu wab
yabazuyemo akavuga ko RURINDA ari
iwabo maze basomze afite inzoga bahita
kamusohora ko nyiri urugo Songa ko yi

awinswa aho bari inshuti bahita bamuzana
baramwica babyemera bahunga ibyaha bakoreye
abandi ntago yigeze apfa 2 barabeshya
Fidèle: arazakwisobanura
2. tubantu 11 arabeshya ntago bamubyukije
ahubwo bari bari kwirinda kuko
bari amarondo 2 yategaga abantu.
3. mu Bisesero: ntago yigeze yirega mu
Bisesero ahubwo NEMEYE yagiye gutanga
amakuru mu Bisesero maze fidèle ahita
ajya kwiregayo kuko NEMEYE yari
yomaze kumuregera. Nyuma fidèle
ajahise ajya mu Ruhengeri azana iza
impapuro avuga ko NEMEYE ariwe wakoze
jenocide bizamo amagambo menshi maze
NEMEYE ahita acika. N'ibyo inkoza RUKARA
yavuze arabeshya kuko ntanka 9 rukara
yari afite.

Fidèle: 1. KURI RURINDA: Rwose twamusize
tuzi ko yapfuye naho NYAKAYIRO
arambeshyera ntaho twahuriye
mu ntambara kandi NEMEYE
ntago mushinja kuko ntaho twakoranye
naho NYAKAYIRO arashaka kuntobera.
KAYIBANDA Karori: Ese ko bishe abantu 11
ntamutungo babatse cyangwa ngo babacuze.
R1 nta mutungo twabatse kandi naho
twabashyinguye tubatabarura bari
bambaye
Vincent: fidèle ko yemera ko yari afite
imbunda yamenye kuyigura
gute? amenya urubwoko bwayo?

amenya amasosi yarimo gute? abozi ibya gisirikari? bari aho ryagiye kubyo gira?

- Aho yirega kuko nta ruhare rwe agaragaza nti uko bigaragara abubwa akuya ko barsahoye RURINDA, bafite ubwoba nawe ko arikwe wari ufite intwaro agasubira inyuma oba bari kumwe nicyo cyabarnaze ubwoba

- Kubantu 11 ntaruhare rwe agaragaza kuko kugirango arikwe bagiye kubyuutsa ni uko hari icyo bamubonagamo ndashaka kugaragaza

- Abantu 2 bo mubisesero naho ntagaragaza uruhare rwe

- Ndashaka kugisha inteko akuya ibyo yerwe nawe ko yabeuraho agatsinda yasubirishijemo iki?

Fidèle: - Sinabaye umusirikari abubwa aho nakaraga batwigishaga imbunda

- KURI RURINDA! uko nabibabwiye
  - niko bimeze nanjye nagiye nshaka kumwica

- Kubantu 11: BAKANGUKE na Karisiti nibo bakubitaga ubuhiri twebwe tugahuritira mu cyobo

Vincent: inteko ishishoze kwigisha imbunda mbere ya Jenocide

no kuba yari mu nterahamwe akaba akuga ngo baramubeshyera, maze ibihu

Fidèle: Twigaga imbunda nk'abasirikare ntago twayigaga nk'interahamwe kandi byari byakuye muri rwego rw'igihugu.

→ Nayize muri rwego rw'abakozi bakoraga muri univerisiti.

Eliezeli MUGEMANA: yakuze ko NYAKAYIRO bagiyanye gutanga amakuru abantu benshi none akaba akuga ngo ni umwe na babandi none aba bantu ni bande?

- Fidèle yiswe procureur kubera ibikorwa bye kandi NEMEYE yahunze kubera ubwoba yatewe na Fidèle kandi NEMEYE akuga ibyo ubutera-hamwe bwa Fidèle kuko mu Ruhengeri kugera ino aha

- Abantu benshi batinya Fidèle kuko banga kuvuga ibyo yakoze ngo batazakubigwamo.

Fidèle ati: NEMEYE ntabwoba namuteye kuko iyo biba aba yarabibwiye ubuyobozi.

NGEZAHAYO Emmanuel: Q: Twibwire iyo uzi kuri Fidèle?
R/ muzika ungufu rwa RURINDA twari turi ku irondo ndikangukira murika kandi mbona abantu binuka

bakuga ko bateye KWA NGERAGEZA nanjye
njyoruye nsanga bagose urugo NGERAGEZA
arabyuka ababaza icyo bashaka maze bati
duhe umuntu uri hano aranga bati duhe
RURINDA uri hano maze HABYARIMANA
atangiye gutera amabuye hejuru yinzu
abaho imfungwiza barakingura bakura-
mo RURINDA na Fidèle aba araje afite
inkota turamushorera Fidèle amwate
F maze RURINDA ati ayo nari mfite
nayatanze maze Fidèle amereye nabi
BANKUNDIYE akuza ngo aramushyira
aho RURINDA yari kujya maze umugore
wa SEKIMONYO asubira kuzana F maze
bayaha Fidèle ariko Fidèle twari
twasigaranye amaze kuyafata turengera
turagenda tugeze kumukokwe NZARORA
amukubita ubuhiri maze ESIDORI amuku-
bita pirabita duhita tugenda tuzi ko
umuntu yapfuye na Fidèle yari ahari
maze njyewe ndataha maze Fidèle
na RESPONSABLE Bernard n'abandi maze
barakomezanya. Ngiyo ngo RURINDA
yaje kuzanzamuka BANKUNDINYE na
SEKIMONYO Baramusonga. Ukuri kwa
Kuwere yarabirebaga.
Q: Wigeze umubanana Gerenade ?
R: ntayo namubananye

Ndi NGEZAHAYO Emmanuel

Euphrase ati: ESIDORI niwe wari ufite
ishati ya RURINDA
F Fidèle afite inkweto akishyira aho yazishyize

NSHIMIYIMANA Alexis: Tubwire icyo uzi kuri Fidèle?

R/ Fidèle twafatanyije icyaha kumpfu rwa RURINDA. ingoma zarakuze ngo RURINDA yabonetse tujya kumureba kuri KIRARO kwa NGERAGEZO tugezeyo NZARORA amukurama FRS.000 turamushorera turagenda ariko mugihe NZARORA yamukubitaga ubuhiri nari mpari na Fidèle ahari maze mpita njyana F bari bampaye kandi Fidèle yari afite inkoni y'intusu ishishuye.

Q/ Ese Fidèle yigeze usubira inyuma?

R/ Ntago yasubiyeyo

=> Ikindi abo kwa RUSINE bagarutse kumusonga kuko atahise apfa

Ndi Alexis:

Euphrasie ati: uko birengaga bari muri Gereza barabihinduye, mbere Fidèle yavugaga ko yamuteye inkota none siyabikuze. mbere y'uko bica RURINDA Fidèle nawe yari yaje ku murangaro mu bantu batwitse inzu yacu

- Ikindi ntago Fidèle yerekana aho bashyize RURINDA

- Ntago Fidèle avuga aho yashyize inkweto yotse RURINDA zanze kumukwira.

Fidèle' - Sinigeze mvuga ko nateye RURINDA icumu

- Sinagiye ku murangaro barabeshya

Q: Tubwire icyo mwahuje n'abatangabuhamya?

R/ 1. - Twahuje ko twese twagiye kwica RURINDA
2 - Nwagize ko nari mfite inkota twahuje
3 - Nwagize ko nari mfite igitoni nawe twahuje kuko nubundi inkota yari iri mu Rwabati.

Q: Ibyo mutahuje ni ibihe?

R/ - Bibagiwe ko nasubiye inyuma gato kureba amafaranga.

RUSINE ati: Kubantu 11 bavuze ko babatwitse none kuki atabivuze?

Fidèle ati: Twebwe twabishe gusa naho ababatwitse ni urundi rubanza si twebwe. Furere niwe wavuze ko RURINDA yishwe 2.

KAYIGAMBA ati: Ese koko Akanyarwanda bose bigishijwe imbunda kugirango barwane n'ingenzi cyangwa higishijwe umutwe wari ufite icyo ushinzwe cyangwa ufite icyo uzakora.

Fidèle: itangazo ryari ryatanzwe rivuye ku rwego rw'igihugu ryo kwiga imbunda kubaturage bose.

Q: Niharamuka habonetse umuntu uvuga ko wagiye ku murongara ufite Gerenade urabu utsinzwe?

R/ Ntago mba nshinzwe kuko barambeshyera sinigeze njya ku murongara rwose barambeshyera.

ICYAHA CYA VIOLE KURI Fidèle na KAJE

Vincent ati: Ku makuru nari mfite ni uko kurupfu rwa abantu bishwe 11

ko batapfuye uko ari 11 abubwo bakuwemo umukobwa 1 baramugogana barumukorera ibya mfura mbi nyuma uko mukobwa aza kwicwa.

UTANZE IKIREGO NI USABYIMFURA :

NYAKAJIRO Sliveri: icyo cyaha ntago bigeze bacyirega abubwo babunama hakayemo ibyongoreranyo muko babagiye ibyo bakuga bakuga ko KAJE na Fidele bari bafite umukobwa batabiragaho bakuye mu bitero kugeza ubwo yaranzwe akabangira urugo nibamwice kuko nubundi adapfuye rwiza nyuma baje gufunga umutangabuhamya birambabaza mpita nshaka ko urubanza rusubirwamo

- Hakayemo gutera ubwoba abari babikuze bitarutso mu muryango none bashobora kutaza kubisubirana kubera ingaruka zibakurikira:
+ UZAMUKUNDA Drothée yabifungiwe amezi 3
+ Le 20/10/2003 ubwo Fidele yari kuburana urwo rubanza naze umukiko nwari kumuburanisha basubika urubanza barambura naze bamfunga amasaha (48h) kandi ari nta nteko yaburanishije.

Nirinkwe mfunze umunsi wose nyuma umukuru w'umurenge akurikirana ikibazo cyanjye arampfungura

Ndi NYAKAYIRO Slivin:

Fidèle uko yiregura

uko Vincent yavuze ngo bari abantu 11 maze tumenyabamenyamo barabeshya abubwo KAJE yabibuganye 2007 twe-bwe turabimushinja. uko byagenze twavuye kwica abo bantu 11 tugeze haruguru yo kwa KAJE tuhasanga umwana w'umukobwa wigaga muri secondaire mu mwaka wa mbere ari kumwe n'umwana wo kwa RWANTERI witwa Aloys aravuga ngo KAJE namumuhishire maze KAJE aremera aramujyana njyewe ndataha maze meriteyari kuko ari mwishywa wa KAJE yara-habaga ndetse na Drothée nawe yari mukase wa KAJE maze murubanza Drothée ahangana na KAJE maze baramufunga kuko yabeshyeye KAJE. Nyuma naje kumenya ko umukobwa yarongewe kwa KAJE na BAKANGUKE naho njyewe sinari mpari nyuma BAKANGUKE yahaye uwo mukobwa SENYAMUHINDA aramujyana ajya kumutunga. SENYAMUHINDA yaje gucika tuza kumubona twavuye muri gereza atunyuzeho mbyereka responsable turamufata atorokwa kumurenge aga gucika. Nyuma twaje kongera guhurira mu isoko mutuma karoda fuse

aramufata maze abantu bificyitiga bagenda bamereye nabi maze RUSINE agiye kumunekura ndakuga ngo batujyanane maze Akias araza ahita aterefona gereza maze barakuga ngo niba mwafashe SENYAMUHINDA mumuzane kumodoka maze tumujyanayo ahita asubira muri Gereza. SENYAMUHINDA yaje kuburana bamukatira imyaka 30 agiye gukora aza guakira ku cyinama arabura kandi nanjye twaburiye ku CYINAMA arikanga

Q: Nihaboneka abavuga ko nawe wazaga gufata ku ngufu uwo mwana w'umukobwa uraba ubitsindiwe?

R/ Njyewe ndaburana nabo kuko baraba bari kumbeshyera kuko icyo cyaha ntago nagikoze. icyo cyaha gikurikiranwe kuri KAJE kuko ariwe wari ufite uwo mukobwa

ndi fidele!

Q: KAGARAMA Théogène: Ko fidele yavuze ko we na KAJE bafashe uko mukobwa bari kumwe akajyanwa kwa KAJE ntago fidele yigeze asubira kwa KAJE kureba uko uwo mukobwa abayeho cyangwa niba yaragiyeyo yagiyeyo kangahe?

R/ Kwa KAJE twarateranye nguma maze tujyayo umwana ahari ndahamusanga ndamubona ariko nabonaga umwana yarabaga atonezerewe kandi umugore wa KAJE ntago yari ahari.

NYAKAYIRO ati: icyo cyaha ntago bigeze bacyiregga aheubiwo na Fidèle abikugiye aho KAJE ahungiye.
- uwo mukobwa basigaga bamukingiranye maze akavugira ku idirishya ngo ntiyavugera kwiyamana nabo ngo nibashake bamwice kuburyo bamuhaga n'amakuta akanga kwisiga.

Fidèle ati: Sinigeze ndyamana n'uwo mukobwa ahubwo byabazwa KAJE we wari umufite mu nzu ye.

Vincent ati: Fidèle na KAJE basigaga bakingiranye uwo mukobwa ngo ntihagire ukinguira ngo harimo akanyoni kabo katagurukwa maze KAJE yumvise ko umugore we yaje atuma kuri mukishywa we ngo aze amujyane bidateza ikibazo KAJE n'umugore we.

Fidèle: KAJE yari afite inzu ye sinigeze njya kuryama kwa KAJE ahubwo byabazwa KAJE we wabikoze

1. UZAMUKUNDA Drothée: Tubwire icyo uzi ku mukobwa wabaye kwa KAJE.
R/ duturanye na kwa KAJE tuza kumenya ko harimo umwana maze nza guhagarara ku idirishya ndabaza maze uwo mwana ambwira ko bamukingiranye ko kandi

iyo bakuye kumugamba bahaza bakanjya
ho nanje ngiye gupfa kandi umugore
wa KAJE ntiyari ahari kandi na Fidèle
nawe yarazaga namubonye inshuro zigeze
kuri 3 kandi yigeze no kuza kumangwa
turakugana ambaza aho KAJE ari maze
kandi umwana basigaga bamukingiranye
Ndi UZAMUKUNDA Drothée:

2. MPAZIMPAKA Merikiyori: Tubwire ibyo
uzi kumukobwa wabaga kwa KAJE ndetse
n'icyo uzi kuri Fidèle?
R/ Nabaga kwa KAJE maze KAJE na Fidèle
baka umwana wo kwa RWANTERI umwa-
na w'umukobwa baramuzana bamu-
shyira munzu kwa KAJE maze bara-
mukingirana kandi na Fidèle nawe
yazaga kwa KAJE kuko rimwe na
rimwe na Fidèle yazaga kurya kwa
KAJE kandi baza kumusohora basanze
hakinze KAJE abaha umufunguzo
barakingura baramujyana kandi
Fidèle yarahazaga akaryo bagatarama
bari kunywa n'inzoga nanjye nabaga
nasomye akandi bana nagaruka nta
saa mbiri Fidèle agataha nkajya
kuryama nanjye uko uwo mukobwa
yaryaga, akanywa, akoga, akajya
kuri wesi simbizi kuko nibo babimukore-
raga Fidèle yazanaga na KAJE rimwe
na rimwe. uwo mukobwa ntago
twakuganaga ahubwo yakuganaga

ni abamuhamagariye ku idirishya.
ubundi nta nkota izana mu nyama
rwose KAJE yarazanaga ni uwo
mukobwa yaramusambanyaga.

Q: uzabona Fidèle yarasanginaga uwo
mukobwa na KAJE?

R/ Fidèle na KAJE bazana uwo mukobwa
bari kumwe nyuma Aloys akaza
akavuga ngo banyatse umukobwa
wanjye nene bagiye kujya bamurongora
bonyine ngo nimkingure
mote nkavuga ko nta rufunguzo
mfite. Nanjye nakekaga ko bose
bamurongora ariko ntabona gihamya

ndi Merikiyori:

Fidèle Q: Tubwire icyo wongera kurubanza
rwawe?

R/ icyo nongeraho ni uko ntazira ibyaha
KAJE yakoreye uwo mukobwa

ndi Fidèle:

NYAKAJIRO: icyo nongera kurubanza ni uko
Fidèle atemera icyo cyaha none
ndamusabira gusaba imbabazi
Kandi inteko ikore ubushishozi
kuko uwo mukobwa bamufashe
bari kumwe

ndi NYAKAJIRO:

Vincent: icyo nongeraho inteko ikore
ubushishozi irenganure uwa-
hohotewe ni ubwo atakiriho.

ndi Vincent:

COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE GENOCIDE

UMWANZURO W'URUBANZA RWA SIMUGOMWA Fidèle

Urukiko gacaca rw'ubujurire bwa Murangara rushingiye kumvugo za Fidèle ubwiwirega akemera icyaha mbere yo gushyirwa kurutonde rushingiye no kumvugo z'abatangabuhamya bakoranye icyaha na Fidèle urukiko gacaca rwanze ubwirege bwe bwemewe. Icyaha yakoze kimushyira murwego rwa mbere agace ka 3. Rushingiye ku ngingo ya 51 ikyerekeye abakurikiranwa bo murwego rwa mbere agace ka 3 rushingiye kandi kungingo ya 73 ikyerekeye ibihano agace ka 3 urukiko gacaca ruhanishije SIMUGOMWA Fidèle igihano cy'igifungo cy'imyaka makumyabiri n'ine (24 ans)

$\frac{1}{6}$ cya 24 ans = 4 ans = Gereza

$\frac{1}{3}$ cya 24 ans = 8 ans = ISUBIKAGIFUNGO

$\frac{1}{2}$ cya 24 ans = 12 ans = TIG

N.B 1. Kuko Fidèle yafunzwe imyaka 6 azakora TIG y'imyaka icumi (10 ans)

2. ku cyaha cya kiole yaregwaga urukiko Gacaca rusanze icyo cyaha kitamuhama kikaba gihama KAJE Célestin kuko ari we wari utunze uwo mukobwa iwe nk'uko bivugwa n'abatangabuhamya urukiko Gacaca rw'ubujurire bwa Murenyana ruhanishije KAJE Célestin igihano cy'igifungo cya burundu. Akaba afunzwe aka kanya.

ABARI BAGIZE INTEKO

1. président: NTABANGANYIMANA Bosco:
2. vis-président 1: NSABAYESU Abidan:
3. vis-président 2: AHISHAKIYE Jean
4. secrétaire 1: UWIZEYE William:
5. secrétaire 2: NZARAMBA Gaspard

1. BAVAKURE François: Q: Wishimiye imikirize?
R/ Ndabyemeye
Ndi BAVAKURE François:

KAYIGAMBA: Q: Wishimiye imikirize?
~~R/ Ndabyemeye~~
R/ Ntago nyishimiye
Ndi KAYIGAMBA:

2. SIMUGOMWA Fidèle: Q: Wishimiye imikirize?
R/ Ndayishimiye
Ndi Fidèle:

Vincent: Q: Wishimiye imikirize?
R/ Ntacyo mahinduraa ku myanzuro y'urukiko
Ndi Vincent: